



Umwaka wa 62
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 25/05/2023

Year 62
Official Gazette n° Special of
25/05/2023

62^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
25/05/2023

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Iteka rya Perezida/ Presidential Order/ Arrêté Présidentiel

Iteka rya Perezida n° 028/01 ryo ku wa 18/05/2023 rigenga Urwego rushinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda.....	2
Presidential Order n° 028/01 of 18/05/2023 governing Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board.....	2
Arrêté Présidentiel n° 028/01 du 18/05/2023 régissant l'Organe Rwandais des Mines, du Pétrole et du Gaz.....	2

ITEKA RYA PEREZIDA N° 028/01 RYO KU WA 18/05/2023 RIGENGA URWEGO RUSHINZWE MINE, PETEROLI NA GAZI MU RWANDA <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri teka rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> icyiciro <u>Ingingo ya 3:</u> Urwego rureberera RMB <u>Ingingo ya 4:</u> icyicaro <u>UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA</u> <u>Ingingo ya 5:</u> Intego <u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano <u>Ingingo ya 7:</u> Ububasha <u>UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE</u> <u>Ingingo ya 8:</u> Inzego z'Ubuyobozi	PRESIDENTIAL ORDER N° 028/01 OF 18/05/2023 GOVERNING RWANDA MINES, PETROLEUM AND GAS BOARD <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Order <u>Article 2:</u> Category <u>Article 3:</u> Supervising authority of RMB <u>Article 4:</u> Head office <u>CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS</u> <u>Article 5:</u> Mission <u>Article 6:</u> Responsibilities <u>Article 7:</u> Powers <u>CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING</u> <u>Article 8:</u> Management organs	ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 028/01 DU 18/05/2023 RÉGISSANT L'ORGANE RWANDAIS DES MINES, DU PETROLE ET DU GAZ <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté <u>Article 2 :</u> Catégorie <u>Article 3 :</u> Autorité de tutelle du RMB <u>Article 4 :</u> Siège <u>CHAPITRE II: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS</u> <u>Article 5:</u> Mission <u>Article 6:</u> Attributions <u>Article 7:</u> Pouvoirs <u>CHAPITRE III : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT</u> <u>Article 8:</u> Organes de direction
--	--	--

<u>Iciviro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi</u>	<u>Section One: Board of Directors</u>	<u>Section première: Conseil d'Administration</u>
<u>Ingingo ya 9:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi na manda yabo	<u>Article 9:</u> Composition of the Board of Directors and term of office of its members	<u>Article 9:</u> Composition du Conseil d'Administration et mandat de ses membres
<u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z'inyongera z'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 10:</u> Additional responsibilities of the Board of Directors	<u>Article 10:</u> Attributions additionnelles du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 11:</u> Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 11:</u> Powers of the Board of Directors	<u>Article 11:</u> Pouvoirs du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 12:</u> Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 12:</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 13:</u> Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 13:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 14:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa	<u>Article 14:</u> Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement	<u>Article 14:</u> Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement
<u>Ingingo ya 15:</u> Kumenyekanisha ugize Inama y'Ubuyobozi ugiye kurangiza manda	<u>Article 15:</u> Notification of a member of the Board of Directors whose term of office is about to expire	<u>Article 15:</u> Notification d'un membre du Conseil d'Administration dont le mandat est sur le point d'expirer
<u>Ingingo ya 16:</u> Itumizwa n'iterana by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo	<u>Article 16:</u> Convening and holding a meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making	<u>Article 16:</u> Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions

<u>Ingingo ya 17:</u> Itumira mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ry'undi muntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 17:</u> Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors	<u>Article 17:</u> Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 18:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo n'iry'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 18:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 18:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 19:</u> Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 19:</u> Rapporteur of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 19 :</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 20:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<u>Article 20:</u> Personal interest in issues on the agenda	<u>Article 20:</u> Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour
<u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa	<u>Section 2:</u> Executive Organ	<u>Section 2:</u> Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 21:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 21:</u> Members of the Executive Organ	<u>Article 21:</u> Composition de l'Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 22:</u> Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 22:</u> Additional responsibilities of the Executive Organ	<u>Article 22:</u> Attributions additionnelles de la Direction Générale
<u>Ingingo ya 23:</u> Inshingano z'Umuyobozi Mukuru	<u>Article 23:</u> Responsibilities of the Chief Executive Officer	<u>Article 23:</u> Attributions du Directeur Général
<u>Ingingo ya 24:</u> Inshingano z'Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe Ibikorwa	<u>Article 24:</u> Responsibilities of the Deputy Chief Executive Officer in charge of Operations	<u>Article 24:</u> Attributions du Directeur Général Adjoint chargé des Opérations
<u>Ingingo ya 25:</u> Inshingano z'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imari	<u>Article 25:</u> Responsibilities of the Chief Financial Officer	<u>Article 25:</u> Attributions du Directeur Général des Finances

<u>UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI</u>	<u>CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE</u>	<u>CHAPITRE IV : PATRIMOINE ET FINANCES</u>
<u>Ingingo ya 26:</u> Umutungo n'inkomoko yawo	<u>Article 26:</u> Property and its sources	<u>Article 26 :</u> Patrimoine et ses sources
<u>Ingingo ya 27:</u> Ingengo y'imari	<u>Article 27:</u> Budget	<u>Article 27 :</u> Budget
<u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 28:</u> Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	<u>Article 28:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order	<u>Article 28:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté
<u>Ingingo ya 29:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 29:</u> Language provision	<u>Article 29:</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 30:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 30:</u> Entry into force	<u>Article 30:</u> Entrée en vigueur

ITEKA RYA PEREZIDA N° 028/01 RYO KU WA 18/05/2023 RIGENGA URWEGO RUSHINZWE MINE, PETEROLI NA GAZI MU RWANDA Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015; Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2020.OL ryo ku wa 08/06/2020 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4; Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 20/04/2023 imaze kubisuzuma no kubyemeza; DUTEGETSE:	PRESIDENTIAL ORDER N° 028/01 OF 18/05/2023 GOVERNING RWANDA MINES, PETROLEUM AND GAS BOARD We, KAGAME Paul, President of the Republic; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015; Pursuant to Organic Law n° 001/2020.OL of 08/06/2020 establishing general provisions governing public institutions, especially in Article 4; On proposal by the Minister of Public Service and Labour; After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 20/04/2023; DO ORDER:	ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 028/01 DU 18/05/2023 RÉGISSANT L'ORGANE RWANDAIS DES MINES, DU PETROLE ET DU GAZ Nous, KAGAME Paul, Président de la République; Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015; Vu la Loi Organique n° 001/2020.OL du 08/06/2020 portant dispositions générales régissant les établissements publics, spécialement en son article 4; Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail; Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 20/04/2023; ARRÊTONS :
---	--	---

<u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u>	<u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u>
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije Iri teka rigena intego, inshingano, ububasha, imitunganyirize n'imikorere by'Urwego rushinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda rwitwa «RMB» mu ngingo zikurikira mu magambo ahinnye y'Icyongereza. <u>Ingingo ya 2: Icyiciro</u> RMB iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi. <u>Ingingo ya 3: Urwego rureberera RMB</u> RMB irebererwa na Perezidansi ya Repubulika. <u>Ingingo ya 4: Icyicar</u> (1) Icyicar cya RMB kiri mu Mujyi wa Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa, byemejwe n'Inama y'Abaminisitiri.	<u>Article One:</u> Purpose of this Order This Order determines mission, responsibilities, powers, organisation and functioning of Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board hereinafter abbreviated as "RMB". <u>Article 2: Category</u> RMB falls within the category of non-commercial public institutions. <u>Article 3: Supervising authority of RMB</u> RMB is supervised by the Office of the President. <u>Article 4: Head office</u> (1) The head office of RMB is located in the City of Kigali. It may be relocated elsewhere on the territory of Rwanda, if considered necessary, upon approval by the Cabinet.	<u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté Le présent arrêté détermine la mission, les attributions, les pouvoirs, l'organisation et le fonctionnement de l'Organe Rwandais des Mines, du Pétrole et du Gaz ci-après dénommé « RMB » en sigles anglais. <u>Article 2 : Catégorie</u> Le RMB rentre dans la catégorie des établissements publics à caractère non commercial. <u>Article 3: Autorité de tutelle du RMB</u> Le RMB est placé sous tutelle de la Présidence de la République. <u>Article 4: Siège</u> (1) Le siège du RMB est établi dans la Ville de Kigali. Il peut, en cas de besoin, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda, sur approbation du Conseil des Ministres.

(2) RMB ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu, bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe na Perezidansi ya Repubulika. UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO N’UBUBASHA <u>Ingingo ya 5: Intego</u> Intego ya RMB ni ukugenzura no gucunga umutungo kamere w’amabuye y’agaciro, kariyeri, peteroli na gazi. <u>Ingingo ya 6: Inshingano</u> RMB ifite inshingano zikurikira: (a) gushyiraho politiki, ingamba n’amabwiriza bigenga umutungo kamere w’amabuye y’agaciro, kariyeri, peteroli na gazi mu nyungu z’Igihugu; (b) kugenzura ko abafite impushya bubahiriza ibiteganywa n’amategeko, amabwiriza n’ibipimo ngenderwaho bigenga ubucukuzi bwa mine, peteroli na gazi mu Rwanda;	(2) RMB may have branches elsewhere in the country, if considered necessary, in order to fulfill its responsibilities, upon approval by the Office of the President. CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS <u>Article 5: Mission</u> The mission of RMB is to regulate and manage mineral, quarry, oil and gas. <u>Article 6: Responsibilities</u> RMB has the following responsibilities: (a) to elaborate policies, strategic plans and regulations governing mineral, quarry, oil and gas resources for the benefit of the country; (b) to ensure compliance by license holders with the provisions of laws, regulations, directives and standards governing the mining, oil and gas industries in Rwanda;	(2) Le RMB peut avoir des branches en tout autre lieu du territoire national, en cas de besoin, pour accomplir ses attributions, sur approbation de la Présidence de la République. CHAPITRE II : MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS <u>Article 5 : Mission</u> La mission du RMB est de réglementer et de gérer les ressources minérales, de carrières, de pétrole et de gaz. <u>Article 6 : Attributions</u> Le RMB a les attributions suivantes: (a) élaborer des politiques, des plans stratégiques et des règlements régissant les ressources minérales, de carrières, de pétrole et de gaz au profit du pays; (b) s’assurer que les titulaires de permis respectent les dispositions des lois, des règlements, des directives et des normes régissant les industries minière, pétrolière et du gaz au Rwanda;
--	---	---

(c) kugira inama Guverinoma mu bijyanye n'amabuye y'agaciro, peteroli, gazi na kariyeri;	(c) to advise the Government on matters related to minerals, quarries, oil and gas resources;	(c) conseiller le Gouvernement sur les questions liées aux ressources minérales, de carrières, pétrolières et du gaz;
(d) gukora ubushakashatsi mu bya jewoloji, mine, peteroli na gazi, no kumenyekanisha ibyabuvuyemo;	(d) to conduct research in geology, mining, oil and gas, and disseminate research findings;	(d) mener des recherches dans les domaines de la géologie, des mines, du pétrole et du gaz, et diffuser les résultats de la recherche;
(e) gukora ibikorwa by'ubushakashatsi ku mutungo w'amabuye y'agaciro na kariyeri mu Gihugu;	(e) to conduct exploration of mineral and quarry resources in the country;	(e) mener l'exploration des ressources minérales et de carrières dans le pays;
(f) gukora ibikorwa byo gushakisha umutungo wa peteroli na gazi mu Gihugu;	(f) to conduct exploration on oil and gas resources in the country;	(f) mener l'exploration des ressources de pétrole et de gaz dans le pays;
(g) gutanga impushya zo gushaka, gucukura, kongerera agaciro no gucuruza amabuye y'agaciro na kariyeri;	(g) to issue licenses for exploration, exploitation, transformation and trading of mineral and quarry products;	(g) délivrer des autorisations d'exploration, d'exploitation, de transformation et de commerce des produits minéraux et de carrières;
(h) gutanga impushya zo gushaka, no kubyaza umusaruro peteroli na gazi;	(h) to issue licenses for exploration and production of oil and gas products;	(h) délivrer des licences d'exploration et de production des produits du pétrole et du gaz;
(i) kugenzura ibikorwa bijyanye n'ubushakashatsi, ubucukuzi,	(i) to monitor the operations related to exploration, exploitation, value	(i) surveiller les opérations liées à l'exploration, à l'exploitation, à la

kongerera agaciro no gucuruza amabuye y'agaciro na kariyeri; (j) kugenzura ibikorwa bijyanye n'ubushakashatsi no kubyaza umusaruro peteroli na gazi; (k) gukurikirana no gusuzuma imiterere y'isoko ry'umutungo w'amabuye y'agaciro, kariyeri, peteroli na gazi; (l) kugenzura ibiza biterwa n'imiterere y'isi, ibindi bijyanye na byo no kugira inama Guverinoma; (m) gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo mu rwego rw'akarere no mu rwego mpuzamahanga bihuje intego. <u>Ingingo ya 7: Ububasha</u> RMB ifite ububasha bukurikira: (a) gukora igenzura ahakorera ibikorwa bifatanywe isano n'umutungo kamere w'amabuye y'agaciro, kariyeri, peteroli, na gazi, hagamijwe kureba	addition and trading of mineral and quarry products; (j) to monitor the operations related to exploration and production of oil and gas products; (k) to follow up and study the market trend of minerals, quarries, oil and gas resources; (l) to monitor geohazards and related geological matters and advise the Government; (m) to cooperate and collaborate with other regional and international institutions carrying out similar mission. <u>Article 7: Powers</u> RMB has the following powers: (a) to carry out inspections where operations related to minerals, quarries, oil and gas resources are conducted with the purpose of ensuring compliance with the licensees' obligations;	valeur ajoutée et au commerce des produits minéraux et de carrières; (j) surveiller les opérations liées à l'exploration et à la production de produits de pétrole et du gaz; (k) suivre et étudier l'évolution du marché des ressources minérales, de carrières, du pétrole et du gaz; (l) surveiller les géorisques et les questions géologiques connexes et conseiller le Gouvernement; (m) coopérer et collaborer avec d'autres institutions ayant une mission similaire au niveau régional et international. <u>Article 7: Pouvoirs</u> Le RMB a les pouvoirs suivants: (a) effectuer des inspections dans les lieux où des opérations liées aux minerais, aux carrières, aux ressources pétrolières et de gaz sont menées dans le but de s'assurer du
--	---	--

iyubahirizwa ry'inshingano z'uwahawe uruhushya; (b) gukora ibikorwa bibyara umutungo; (c) gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi ku batubahirije amategeko n'amabwiriza agenga umutungo kamere w'amabuye y'agaciro, kariyeri, peteroli na gazi; (d) gufasha mu ikemurwa mu bwumvikane ry'impaka zivuka mu bikorwa bifitanye isano n'umutungo kamere w'amabuye y'agaciro, kariyeri, peteroli na gazi. <u>UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE</u> <u>Ingingo ya 8: Inzego z'Ubuyobozi</u> Inzego z'ubuyobozi za RMB ni izi zikurikira: (a) Inama y'Ubuyobozi; (b) Urwego Nshingwabikorwa.	(b) to generate revenues; (c) to impose administrative sanctions in case of violation of laws and regulations governing minerals, quarries, oil and gas resources; (d) to facilitate amicable settlement of the disputes related to minerals, quarries, oil and gas resources. <u>CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING</u> <u>Article 8: Management organs</u> The management organs of RMB are the following: (a) the Board of Directors; (b) the Executive Organ.	respect des obligations du titulaire du permis; (b) générer les revenus; (c) imposer des sanctions administratives en cas de violation des lois et règlements régissant les minerais, les carrières, les ressources pétrolières et de gaz; (d) faciliter le règlement à l'amiable des différends liés aux minerais, aux carrières, aux ressources pétrolières et de gaz. <u>CHAPITRE III : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT</u> <u>Article 8 : Organes de direction</u> Les organes de direction du RMB sont les suivants : (a) le Conseil d'Administration; (b) l'Organe Exécutif.
---	--	--

<u>Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi</u>	<u>Section One: Board of Directors</u>	<u>Section première: Conseil d'Administration</u>
<u>Ingingo ya 9:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi na manda yabo (1) Inama y'Ubuyobozi ya RMB igizwe n'abantu barindwi. (2) Abagize Inama y'Ubuyobozi bagira manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe.	<u>Article 9: Composition of the Board of Directors and term of office of its members</u> (1) The Board of Directors of RMB is composed of seven members. (2) Members of the Board of Directors serve a term of office of five years renewable once.	<u>Article 9: Composition du Conseil d'Administration et mandat de ses membres</u> (a) Le Conseil d'Administration du RMB est composé de sept membres. (b) Les membres du Conseil d'Administration ont un mandat de cinq ans renouvelable une fois.
<u>Ingingo ya 10: Inshingano z'inyongera z'Inama y'Ubuyobozi</u> Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Inama y'Ubuyobozi ya RMB ifite inshingano z'inyongera zikurikira: (a) kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari; (b) gutanga raporo y'ibikorwa muri Perezidansi ya Repubulika buri gihembwe n'igihe cyose bibaye	<u>Article 10: Additional responsibilities of the Board of Directors</u> Subject to the provisions of the Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Board of Directors of RMB has the following additional responsibilities: (a) to approve the draft budget proposal and make a follow-up on the budget execution; (b) to submit the activity report to the Office of the President on a	<u>Article 10: Attributions additionnelles du Conseil d'Administration</u> Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, le Conseil d'Administration du RMB a les attributions additionnelles suivantes: (a) approuver l'avant-projet du budget et assurer du suivi de l'exécution du budget ; (b) transmettre trimestriellement et chaque fois que de besoin le

ngombwa; (c) gufata icyemezo ku kibazo cyose kiri mu nshingano za RMB. <u>Ingingo ya 11: Ububasha bw’Inama y’Ubuyobozi</u> Inama y’Ubuyobozi ya RMB ni rwo rwego ruyobora kandi rufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ibikorwa, ubuyobozi, abakozi n’umutungo bya RMB. <u>Ingingo ya 12: Inshingano za Perezida w’Inama y’Ubuyobozi</u> Perezida w’Inama y’Ubuyobozi ya RMB afite inshingano zikurikira: (a) guhuza ibikorwa by’Inama y’Ubuyobozi; (b) gutumiza no kuyobora inama z’Inama y’Ubuyobozi; (c) gushyikiriza inyandikomvugo z’inama y’Inama y’Ubuyobozi Perezidansi ya Repubulika;	quarterly basis and whenever considered necessary; (c) to decide on any matter falling within the responsibilities of RMB. <u>Article 11: Powers of the Board of Directors</u> The Board of Directors of RMB is the supreme management and decision-making organ. It is invested with extensive powers to make decisions regarding administration, human resources, and the property of RMB. <u>Article 12: Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors</u> The Chairperson of RMB Board of Directors has the following responsibilities: (a) to coordinate activities of the Board of Directors; (b) to convene and preside over meetings of the Board of Directors; (c) to submit minutes of the meetings of the Board of Directors to the Office of the President;	rapport d’activités à la Présidence de la République; (c) décider de toute question relevant des attributions du RMB. <u>Article 11: Pouvoirs du Conseil d’Administration</u> Le Conseil d’Administration du RMB est l’organe suprême de direction et de prise de décisions. Il est investi des pouvoirs les plus étendus en ce qui concerne l’administration, les ressources humaines et le patrimoine du RMB <u>Article 12: Attributions du Président du Conseil d’Administration</u> Le Président du Conseil d’Administration du RMB a les attributions suivantes: (a) coordonner les activités du Conseil d’Administration; (b) convoquer et présider les réunions du Conseil d’Administration; (c) soumettre les procès-verbaux des réunions du Conseil d’Administration à la Présidence
--	--	--

(d) gushyikiriza raporo zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi inzego bireba; (e) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; (f) gukora undi murimo yababwira n'Inama y'Ubuyobozi uri mu nshingano zayo. <u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya RMB afite inshingano zikurikira: (a) kunganira Perezida no kumusimbura igihe adahari; (b) gukora undi murimo yababwira n'Inama y'Ubuyobozi uri mu nshingano zayo.	(d) to submit to the relevant organs reports approved by the Board of Directors; (e) to make a follow up to the implementation of resolutions of the Board of Directors; (f) to perform any other duty as may be assigned to him or her by the Board of Directors falling within its responsibilities. <u>Article 13:</u> Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors The Deputy Chairperson of the Board of Directors of RMB has the following duties: (a) to assist the Chairperson and deputize for him or her in case of absence; (b) to perform any other duty as may be assigned to him or her by the Board of Directors falling within its responsibilities.	de la République; (d) soumettre aux organes concernés les rapports approuvés par le Conseil d'Administration; (e) assurer le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d'Administration; (f) accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier. <u>Article 13 :</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration Le Vice-Président du Conseil d'Administration du RMB a les attributions suivantes: (a) assister le Président et le remplacer en cas d'absence; (b) accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier.
--	--	--

Ingingo ya 14: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa	Article 14: Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement	Article 14 : Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement
(1) Ugize Inama y'Ubuyobozi ya RMB ava kuri uwo mwanya iyo – (a) manda ye irangiye; (b) yeguye akoresheje inyandiko; (c) atagishoboye gukora imirimo ye kubera uburwayi cyangwa ubumuga byemejwe n'umuganga wemewe na Leta; (d) akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka; (e) asibye inama inshuro eshatu zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro; (f) agaragaje imyitwarire iyo ari yo yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa	(1) A member of the Board of Directors of RMB loses membership if – (a) his or her term of office expires; (b) he or she resigns in writing; (c) he or she is no longer able to perform his or her responsibilities due to illness or disability ascertained by a recognised medical doctor; (d) he or she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months in a final judgement; (e) he or she is absent in meetings for three consecutive times without valid reasons; (f) he or she manifests any behaviour likely to compromise his or her dignity, that of his or her work or that of	(1) Un membre du Conseil d'Administration du RMB cesse d'être membre lorsque – (a) son mandat expire; (b) il démissionne par écrit; (c) il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause de maladie ou de handicap constaté par un médecin agréé; (d) il est condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois dans un jugement définitif; (e) il s'absente dans les réunions trois fois consécutives sans motifs valables; (f) il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle de l'institution pour

urwego akorera; (g) abangamira inyungu za RMB; (h) atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya; (i) cyangwa apfuye. (2) Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RMB avuye mu mwanya mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza manda y'uwo asimbuye. <u>Ingingo ya 15: Kumenyekanisha ugize Inama y'Ubuyobozi ugiye kurangiza manda</u> Iyo hari ugize Inama y'Ubuyobozi ya RMB ugiye kurangiza manda, Umuyobozi Mukuru wa RMB abimenyesha, mu nyandiko, Perezidansi ya Repubulika, hasigaye nibura iminsi 90 ngo manda irangire.	the institution for which he or she works; (g) he or she jeopardizes the interests of RMB; (h) he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment; or (i) he or she dies. (2) In case a member of the Board of Directors of RMB ceases to be a member before the expiration of his or her term of office, the competent authority appoints his or her substitute to complete his or her predecessor's term of office. <u>Article 15: Notification of a member of the Board of Directors whose term of office is about to expire</u> In case there is a member of the Board of Directors of RMB whose term of office is about to expire, the Chief Executive Officer of RMB notifies, in writing, the Office of the President, at least 90 days before the expiry of the term of office.	laquelle il travaille; (g) il compromet les intérêts du RMB; (h) il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé ; ou (i) il décède. (2) Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration du RMB cesse d'être membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le mandat de son prédécesseur. <u>Article 15 : Notification d'un membre du Conseil d'Administration dont le mandat est sur le point d'expirer</u> Lorsqu'il y a un membre du Conseil d'Administration du RMB dont le mandat est sur le point d'expirer, le Directeur Général du RMB le notifie, par écrit, à la Présidence de la République, au moins 90 jours avant la fin du mandat.
---	--	---

Ingingo ya 16: Itumizwa n'iterana by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo	Article 16: Convening and holding a meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making	Article 16: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions
(1) Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RMB iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu cy'abayigize.	(1) The meeting of the Board of Directors of RMB is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or Vice-Chairperson in case of absence of its Chairperson, at their own initiative or upon request in writing by at least one third of its members.	(1) La réunion du Conseil d'Administration du RMB se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite par un tiers au moins de ses membres.
(2) Ubutumire na gahunda y'inama bikorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi 15 ngo inama iterane.	(2) The invitation and the agenda of the meeting are submitted in writing to the members of the Board of Directors at least 15 days before the meeting is held.	(2) L'invitation et l'ordre du jour sont adressés par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins 15 jours avant la tenue de la réunion.
(3) Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu kugira ngo iterane.	(3) However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three days before the meeting is held.	(3) Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois jours avant la tenue de la réunion.
(4) Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'umwaka urangiye.	(4) Items to be considered by the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year.	(4) Sur les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure l'approbation du rapport financier et du rapport d'activités de l'année précédente.

(5) Buri gihembwe, Inama y'Ubuyobozi ya RMB isuzuma kandi raporo y'imari n'iy'ibikorwa zerekeranye n'igihembwe kirangiye kandi ikazishyikiriza Perezidansi ya Repubulika. (6) Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu by'abayigize. (7) Umuyobozi Mukuru wa RMB yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi. (8) Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya RMB. <u>Ingingo ya 17: Itumira mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ry'undi muntu ushobora kuyungura inama</u> (1) Inama y'Ubuyobozi ya RMB ishobora gutumira mu nama yayo undi muntu ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa.	(5) Every quarter, the Board of Directors of RMB examines also the financial and activity reports relating to the previous quarter and submits them to the Office of the President. (6) The quorum for the meeting of the Board of Directors is two-thirds of its members. (7) The Chief Executive Officer of RMB attends meetings of the Board of Directors. (8) Modalities for decision-making by the Board of Directors are determined by Internal Rules and Regulations of RMB. <u>Article 17: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors</u> (1) The Board of Directors of RMB may invite in its meeting a resource person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda.	(5) Chaque trimestre, le Conseil d'Administration du RMB examine également le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les soumet à la Présidence de la République. (6) Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers de ses membres. (7) Le Directeur Général du RMB participe aux réunions du Conseil d'Administration. (8) Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur du RMB. <u>Article 17 : Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration</u> (1) Le Conseil d'Administration du RMB peut inviter à sa réunion une personne ressource dont il peut obtenir des conseils sur un point quelconque à l'ordre du jour.
---	--	---

(2) Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa. <u>Ingingo ya 18: Iyemezwa ry'ibyemezo n'iry'inyandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi</u> (1) Ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RMB bishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yabyo ikoherezwa Perezidansi ya Repubulika, mu gihe kitarenze iminsi itanu. (2) Perezidansi ya Repubulika itanga ibitekerezo ku byemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi 15 kuva ibishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo ibivuzeho, ibyo byemezo biba byemejwe burundu. (3) Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RMB ishyirwaho umukono n'umuyobozi w'inama n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yoherezwa	(2) The resource person is neither allowed to vote nor to follow debates on other items on the agenda. <u>Article 18: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors</u> (1) Resolutions of the meeting of the Board of Directors of RMB are signed by its members immediately after the end of the meeting, and a copy thereof is sent to the Office of the President within five days. (2) The Office of the President gives views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within 15 days from receipt thereof. If this period expires before giving views, those resolutions are considered definitively approved. (3) Minutes of the meeting of the Board of Directors of RMB are signed by the Chairperson of the meeting and its rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is	(2) La personne ressource n'est autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. <u>Article 18 : Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration</u> (1) Les résolutions du Conseil d'Administration du RMB sont signées par ses membres immédiatement après la réunion et leur copie est transmise à la Présidence de la République endéans cinq jours. (2) La Présidence de la République donne son avis sur les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration endéans 15 jours à partir de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitivement approuvées. (3) Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration du RMB est signé par le Président de la réunion et son rapporteur et approuvé à la réunion suivante. Une copie du procès-verbal est
---	---	--

Perezidansi ya Repubulika mu gihe kitarenze iminsi 15 guhera ku munsu yemerejweho.	sent to the Office of the President within 15 days from the date of approval.	transmise à la Présidence de la République endéans 15 jours à partir de la date de son approbation.
<u>Ingingo ya 19:</u> Umwanditsi w’inama y’Inama y’Ubuyobozi (1) Umuyobozi Mukuru wa RMB ni we mwanditsi w’inama y’Inama y’Ubuyobozi, ariko ntatora igihe cyo gufata ibyemezo. (2) Umuyobozi Mukuru wa RMB ntiyitabira inama ifata ibyemezo ku bibazo bimureba. icyo gihe abitabiriye inama y’Inama y’Ubuyobozi bitoramo umwanditsi.	<u>Article 19:</u> Rapporteur of the meeting of the Board of Directors (1) The Chief Executive Officer of RMB serves as the rapporteur of the meeting of the Board of Directors, but he or she has no right to vote in decision making. (2) The Chief Executive Officer of RMB does not participate in the meeting that makes decisions on issues that concern him or her. In that case, members of the Board of Directors present at the meeting elect among themselves a rapporteur.	<u>Article 19 :</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d’Administration (1) Le Directeur Général du RMB est le rapporteur de la réunion du Conseil d’Administration, mais il n’a pas le droit de voter lors de la prise des décisions. (2) Le Directeur Général du RMB ne participe pas à la réunion qui prend des décisions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d’Administration présents à la réunion élisent parmi eux un rapporteur.
<u>Ingingo ya 20:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa (1) Iyo uri mu bagize Inama y’Ubuyobozi ya RMB afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, ahita amenyesha Inama y’Ubuyobozi, aho iyo nyungu ishingiyeye.	<u>Article 20:</u> Personal interest in issues on the agenda (1) A member of the Board of Directors of RMB who has a direct or indirect interest in the issue to be considered, immediately informs the Board of Directors about where that interest lies.	<u>Article 20 :</u> Intérêt personnel dans les points à l’ordre du jour (1) Un membre du Conseil d’Administration du RMB qui a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner, informe immédiatement le Conseil d’Administration où cet intérêt repose.

(2) Ugize Inama y'Ubuyobozi wamenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo. (3) Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka kubifataho ibyemezo, ibyo bibazo bishyikirizwa Perezidansi ya Repubulika ikabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi 30. <u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa <u>Ingingo ya 21:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa Urwego Nshingwabikorwa rwa RMB rugizwe n'Umuyobozi Mukuru, Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinze Ibikorwa n'Umuyobozi Mukuru ushinze Imari.	(2) A member of the Board of Directors who disclosed of his or her interest in the issue to be considered does not attend the meeting deliberating on that issue. (3) If it is evident that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issues to be considered in such a way that it is impossible to take decision on the issues, they are submitted to the Office of the President to decide thereon within 30 days. <u>Section 2: Executive Organ</u> <u>Article 21: Members of the Executive Organ</u> The Executive Organ of RMB is composed of the Chief Executive Officer, Deputy Chief Executive Officer in charge of Operations and Chief Financial Officer.	(2) Un membre du Conseil d'Administration qui a révélé son intérêt dans un point à examiner ne participe pas à la réunion qui examine ce sujet. (3) Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans des points à examiner de sorte que la prise de décision sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis à la Présidence de la République pour décision endéans 30 jours. <u>Section 2 : Organe Exécutif</u> <u>Article 21 : Composition de l'Organe Exécutif</u> L'Organe Exécutif du RMB est composé du Directeur Général, du Directeur Général Adjoint en charge des Opérations et du Directeur Général des Finances.
--	---	--

<u>Ingingo ya 22: Inshingano z’inyongera z’Urwego Nshingwabikorwa</u> Haseguriwe ibiteganywa n’Itegeko Ngenga rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Urwego Nshingwabikorwa rwa RMB rufite inshingano z’inyongera zikurikira: (a) gukurikirana no guhuza ibikorwa bya buri muni bya RMB; (b) gukora undi murimo rwahabwa n’Inama y’Ubuyobozi ujyanye n’inshingano za RMB.	<u>Article 22: Additional responsibilities of the Executive Organ</u> Subject to the provisions of the Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Executive Organ of RMB has the following additional responsibilities: (a) to monitor and coordinate daily activities of RMB; (b) perform any other duty falling within the responsibilities of RMB as may be assigned to it by the Board of Directors.	<u>Article 22 : Attributions additionnelles de la Direction Générale</u> Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, l’Organe Exécutif du RMB a les attributions additionnelles suivantes: (a) surveiller et coordonner les activités du RMB; (b) accomplir toute autre tâche que le Conseil d’Administration peut lui confier relevant des attributions du RMB.
<u>Ingingo ya 23: Inshingano z’Umuyobozi Mukuru</u> Umuyobozi Mukuru wa RMB afite inshingano zikurikira: (a) guhuza no kuyobora ibikorwa bya RMB; (b) guhagararira RMB imbere y’amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo; (c) kuba umuvugizi wa RMB;	<u>Article 23: Responsibilities of the Chief Executive Officer</u> The Chief Executive Officer of RMB has the following responsibilities: (a) to coordinate and direct the activities of RMB; (b) to serve as the legal representative of RMB and publicise its activities; (c) to serve as the spokesperson of RMB;	<u>Article 23: Attributions du Directeur Général</u> Le Directeur Général du RMB a les attributions suivantes: (a) coordonner et diriger les activités du RMB; (b) être le représentant légal du RMB et faire connaître ses activités; (c) servir de porte-parole du RMB;

(d) kugeza raporo y'ibikorwa bya RMB ku Nama y'Ubuyobozi rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa;	(d) to submit to the Board of Directors the activity report of RMB once a quarter and whenever necessary;	(d) transmettre au Conseil d'Administration le rapport d'activités du RMB une fois par trimestre et chaque fois que de besoin;
(e) gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize;	(e) to submit to the Board of Directors a draft action plan and a budget proposal for the following fiscal year as well as the report on the execution of the budget of the previous fiscal year;	(e) transmettre au Conseil d'Administration le projet du plan d'action et l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant, ainsi que le rapport d'exécution du budget de l'exercice précédent;
(f) gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya RMB;	(f) to prepare the draft Internal Rules and Regulations of RMB;	(f) préparer le projet de règlement d'ordre intérieur du RMB;
(g) gushyira mu bikorwa amasezerano, ibyumvikanyweho n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono yerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, gazi na peteroli;	(g) to enforce contracts, agreements, conventions and international treaties which have been ratified by Rwanda in relation to mining, oil and gas sectors;	(g) assurer la mise en application des contrats, accords, conventions et traités internationaux ratifiés par le Rwanda relatifs aux secteurs minier, pétrolier et du gaz;
(h) gukora undi murimo yababwaho n'Inama y'Ubuyobozi ujyanye	(h) to perform other duty as may be assigned to him or her by the Board	(h) effectuer toute autre tâche que le Conseil d'Administration peut lui

n'inshingano za RMB. <u>Ingingo ya 24:</u> Inshingano z'Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe Ibikorwa Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe ibikorwa wa RMB afite inshingano zikurikira: (a) gusimbura Umuyobozi Mukuru mu gihe adahari cyangwa agize impamvu; (b) guteza imbere ishoramari mu rwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, peteroli na gazi; (c) gukora undi murimo yababwaho n'Inama y'Umuyobozi ujyanye n'inshingano za RMB. <u>Ingingo ya 25:</u> Inshingano z'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imari Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imari wa RMB afite inshingano z'inyongera zikurikira: (a) kwita ku micungire y'abakozi;	of Directors falling within the responsibilities of RMB. <u>Article 24: Responsibilities of the Deputy Chief Executive Officer in charge of Operations</u> The Deputy Chief Executive Officer in charge of Operations of RMB has the following responsibilities: (a) to replace the Chief Executive Officer in his or her absence or in case of any reason; (b) to promote investment in mining, petroleum and gas sectors; (c) to perform other duty as may be assigned to him or her by the Board of Directors falling within the responsibilities of RMB. <u>Article 25: Responsibilities of the Chief Financial Officer</u> The Chief Financial Officer of RMB has the following additional responsibilities: (a) to ensure the management of human	confier relevant des attributions du RMB. <u>Article 24 : Attributions du Directeur Général Adjoint chargé des Opérations</u> Le Directeur Général Adjoint chargé des Opérations du RMB a les attributions suivantes: (a)remplacer le Directeur Général en son absence ou en cas d'empêchement; (b)promouvoir les investissements dans les secteurs des mines, du pétrole et du gaz; (c) effectuer toute autre tâche que le Conseil d'Administration peut lui confier relevant des attributions du RMB. <u>Article 25 : Attributions du Directeur Général des Finances</u> Le Directeur Général des Finances du RMB a les attributions additionnelles suivantes: (a) assurer la gestion des ressources
--	--	---

(b) gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari; (c) gushyira mu bikorwa ingengo y'imari, gucunga umutungo wa RMB no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi; (d) gutegura raporo y'imari y'umwaka ushize; (e) gukora undi murimo yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ujyanye n'inshingano za RMB. <u>UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI</u> <u>Ingingo ya 26: Umutungo n'inkomoko yawo</u> (1) Umutungo wa RMB ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. (2) Umutungo wa RMB ukomoka kuri ibi bikurikira: (a) ingengo y'imari igenerwa na Leta;	ressources; (b) to prepare the draft budget proposal; (c) to execute the budget, ensure the management of the property of RMB and submit related report to the Board of Directors; (d) to prepare financial report of the previous year; (e) to perform other duty as may be assigned to him or her by the Board of Directors falling within the responsibilities of RMB. <u>CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE</u> <u>Article 26: Property and its sources</u> (1) The property of RMB is comprised of movable and immovable assets. (2) The property of RMB derives from the following sources: (a) State budget allocations;	humaines ; (b) préparer l'avant-projet du budget; (c) exécuter le budget, assurer la gestion du patrimoine du RMB et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration; (d) préparer le rapport financier pour l'exercice précédent; (e) effectuer toute autre tâche que le Conseil d'Administration peut lui confier relevant des attributions du RMB. <u>CHAPITRE IV : PATRIMOINE ET FINANCES</u> <u>Article 26 : Patrimoine et ses sources</u> (1) Le patrimoine du RMB est composé de biens meubles et immeubles. (2) Le patrimoine du RMB provient des sources suivantes: (a) les allocations budgétaires de l'État;
--	---	--

(b) inkunga z'abafatanyabikorwa; (c) inguzanyo zihabwa RMB zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano; (d) impano n'indagano. <u>Ingingo ya 27: Ingingo y'imari</u> RMB itegura ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha. <u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 28: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u> Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. <u>Ingingo ya 29: Ingingo y'ururimi</u> Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	(b) partners' subsidies; (c) loans granted to RMB as approved by the Minister in charge of finance; (d) donations and bequests. <u>Article 27: Budget</u> RMB prepares its annual budget to be adopted by the relevant authority. <u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 28: Authorities responsible for the implementation of this Order</u> The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. <u>Article 29: Language provision</u> This Order was drafted in Ikinyarwanda.	(b) les subventions des partenaires; (c) les prêts accordés au RMB approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions; (d) les dons et les legs. <u>Article 27 : Budget</u> Le RMB prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente. <u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 28: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u> Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté. <u>Article 29 : Disposition linguistique</u> Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.
--	---	--

Official Gazette n° Special of 25/05/2023

<u>Ingingo ya 30: Gutangira gukurikizwa</u>	<u>Article 30: Entry into force</u>	<u>Article 30 : Entrée en vigueur</u>
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 08/06/2022.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 08/06/2022.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 08/06/2022.

Kigali, 18/05/2023

(Sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(Sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(Sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux